# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2017-2018 NA GAHUNDA Y'IBIKORWA 2018-2019 BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## MU INTEKO ISHINGA AMATEGEKO- O2/11/2018

# IRIBURIRO

- Nk’uko biteganywa n'ingingo ya 35 y'itegeko n° 76/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n’imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, buri mwaka, Urwego rw’Umuvunyi rushyikiriza Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko, raporo na gahunda by’ibikorwa.
- Raporo irerekana ibyagezweho hashingiwe kuri gahunda y’ibikorwa by’umwaka wa 2017-2018;
- Gahunda y’ibikorwa irerekana ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2018-2019.

# I. RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI 2017-2018

# INGINGO Z'INGENZI Z'IYI RAPORO

- Ubukangurambaga mu rwego rwo gukumira ruswa n'akarengane
- Kwakira no gusuzuma ibibazo by'akarengane n'ibyerekeye gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane
- Kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo
- Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza
- Kwakira no kugenzura inyandiko z'imenyekanishamutungo
- Guhuza ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi
- Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inteko

# 1. UBUKANGURAMBAGA MU RWEGO RWO GUKUMIRA RUSWA N'AKARENGANE

**1. Amahugurwa:**

- ✓ Abakozi ba Leta n'abo mu Bigo byigenga:371
- ✓ Urubyiruko rugize Amatsinda yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane acunga cyber cafés :258
- ✓ Abahuguwe ku itegeko ryerekeye kubona amakuru : 553

# UBUKANGURAMBAGA MU RWEGO RWO GUKUMIRA RUSWA N'AKARENGANE (cont..)

2. **Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa (1- 9 Ukuboza 2017):**

- Gutanga ubutumwa bwo kurwanya ruswa binyujijwe mu muganda rusange mu Midugudu yose;
- Gutanga ubutumwa bwo kurwanya ruswa muri siporo rusange mu Mujyi wa Kigali;
- Ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa mu bana bato;
- Ibiganiro kuri Televiziyo na Radiyo;
- Umunsi w' Inzego z'ubutabera mu kurwanya ruswa;
- Ibiganiro n' Abanyamadini n' Abikorera;
- Kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.

# 2. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE

Ibibazo by'Akarengane byakiriwe ni 2,493 birimo:

- 429 byakiriwe mu nyandiko
- 1,316 byakiriwe mu Turere
- 748 ni imanza zisabirwa gusubirishwamo

Kuri ibyo bibazo 2,493, hiyongeraho imanza zisabirwa gusubirishwamo z'ibirarane 1,948.

# KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE (cont..)

## Ibibazo byakiriwe mu nyandiko (Gender)

| Ibyiciro by'ibibazo | Byose hamwe | | | | Ibyakemutse | | | Ibigikurikiranwa | | | Ibitarakorwa | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | Gabo | Byose | % | Byose | Gore | Gabo | Byose | Gore | Gabo | Byose | Gore | Gabo |
| Ubutaka | 52 | 84 | 136 | 31.7 | 79 | 34 | 45 | 47 | 15 | 32 | 10 | 3 | 7 |
| Imanza zitarangizwa | 50 | 84 | 134 | 31.2 | 67 | 27 | 40 | 48 | 16 | 32 | 19 | 7 | 12 |
| Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange | 17 | 31 | 48 | 11.2 | 37 | 14 | 23 | 6 | 2 | 4 | 5 | 1 | 4 |
| Serivisi z'imari | 12 | 30 | 42 | 9.8 | 35 | 9 | 26 | 4 | 2 | 2 | 3 | 1 | 2 |
| Indi mitungo itari ubutaka | 15 | 16 | 31 | 7.2 | 27 | 13 | 14 | 4 | 2 | 2 | 0 | 0 | 0 |
| Ubutegetsi n'umurimo | 6 | 11 | 17 | 4.0 | 15 | 4 | 11 | 1 | 1 | 0 | 1 | 1 | 0 |
| Imibereho myiza | 10 | 9 | 19 | 4.4 | 17 | 9 | 8 | 2 | 1 | 1 | 0 | 0 | 0 |
| Ibindi | 0 | 2 | 2 | 0.5 | 2 | 0 | 2 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Byose hamwe** | **162** | **267** | **429** | **100** | **279** | **110** | **169** | **112** | **39** | **73** | **38** | **13** | **25** |

# KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE
# Ibibazo byakiriwe mu nyandiko (Ijanisha)

| Ibyiciro by'ibibazo | Byose hamwe | Ibyakemutse | % | Ibigikuri-kiranwa | % |
|---|---|---|---|---|---|
| Ubutaka | 136 | 79 | **58.1** | 57 | **41.9** |
| Imanza zitarangizwa | 134 | 67 | **50** | 67 | **50** |
| Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange | 48 | 37 | **77.1** | 11 | **22.9** |
| Serivisi z'imari | 42 | 35 | **83.3** | 7 | **16.7** |
| Indi mitungo itari ubutaka | 31 | 27 | **87.1** | 4 | **12.9** |
| Ubutegetsi n'umurimo | 17 | 15 | **88.2** | 2 | **11.8** |
| Imibereho myiza | 19 | 17 | **89.5** | 2 | **10.5** |
| Ibindi | 2 | 2 | **100** | 0 | **0** |
| Byose hamwe | 429 | 279 | **65.1** | 150 | **34.9** |

# b) KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE (cont..)

## Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo kurwanya akarengane mu Turere

| **Akarere** | **Igitsina** | **Ibyakiriwe byose** | **Ibyahise bikemuka** | **Ibyasigiwe Uturere** | | | **Ibibazo bigomba gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi** | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | **Byose** | **Ibyakemutse** | **Ibitarakemuka** | **Byose** | **Ibyakemutse** | **Ibigikurikiranwa** |
| Nyagatare | Gabo | 205 | 121 | 68 | 60 | 8 | 16 | 15 | 1 |
| | Gore | 173 | 70 | 94 | 84 | 10 | 9 | 8 | 1 |
| | **Byose** | **378** | **191** | **162** | **144** | **18** | **25** | **23** | **2** |
| Rulindo | Gabo | 161 | 91 | 48 | 18 | 30 | 22 | 16 | 6 |
| | Gore | 199 | 121 | 71 | 31 | 40 | 7 | 4 | 3 |
| | **Byose** | **360** | **212** | **119** | **49** | **70** | **29** | **20** | **9** |
| Rubavu | Gabo | 156 | 56 | 80 | 31 | 49 | 20 | 17 | 3 |
| | Gore | 144 | 81 | 54 | 38 | 16 | 9 | 7 | 2 |
| | **Byose** | **300** | **137** | **134** | **69** | **65** | **29** | **24** | **5** |
| Ruhango | Gabo | 108 | 28 | 74 | 35 | 39 | 6 | 3 | 3 |
| | Gore | 170 | 97 | 57 | 16 | 41 | 16 | 8 | 8 |
| | **Byose** | **278** | **125** | **131** | **51** | **80** | **22** | **11** | **11** |
| **Byose hamwe** | Gabo | 630 | 296 | 270 | 144 | 126 | 64 | 51 | 13 |
| | Gore | 686 | 369 | 276 | 169 | 107 | 41 | 27 | 14 |
| | **Byose** | **1316** | **665** | **546** | **313** | **233** | **105** | **78** | **27** |

# KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE (cont..)

## Ibibazo byakiriwe mu Turere (Ijanisha)

| **Akarere** | **Ibyakiri-we byose** | **Ibyake-mutse** | **%** | **Ibitarake-muka** | **%** |
|---|---|---|---|---|---|
| Nyagatare | 378 | 358 | 94.7 | 18 | 5.3 |
| Rulindo | 360 | 281 | 78 | 70 | 22 |
| Rubavu | 300 | 230 | 76.7 | 65 | 23.3 |
| Ruhango | 278 | 187 | 67.3 | 80 | 32.7 |
| **Byose hamwe** | 1316 | 1056 | 80.2 | 233 | 19.8 |

# IBIBAZO BYAKOREWE UBUHUZA N'UBUVUGIZI

- Mu bibazo by'akarengane byakiriwe, 9 byakorewe ubuhuza, 5 byafatiwe umwanzuro wumvikanyweho, 4 abafitanye ibibazo ntibababasha kumvikana;
- Ibibazo 10 ahanini bihuriweho n'abaturage benshi byakorewe ubuvugizi (muri byo harimo ubwisungane mu kwivuza, kwimura abantu ku nyungu rusange, abahoze ari abakozi b'ibigo n'inzego za Leta, abanyeshuri bize mu mahanga no mu Rwanda ku byerekeranye n'ubuvuzi basaba impamyabushobozi, …).

## 2. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE (cont..)

### c) Isesengura ry'amadosiye y'imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane

Mu mwaka wa 2017-2018, hari amadosiye 2.696 y'imanza zasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane:

- 1.948 (72,25%) yari ibirarane byo mu mwaka wa 2016-2017;
- 748 (27,75%) yakiriwe mu mwaka wa 2017-2018.
- Hasesenguwe amadosiye 1923 angana na 71.3%, hasigara 773 ahwanye na 28.7%.

## 2. KWAKIRA NO GUSUZUMA IBIBAZO BY'AKARENGANE (cont..)

### Isesengura ry'amadosiye y'imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane

| **Umubare w'amadosiye yasesenguwe** | **Umubare w'amadosiye hakurikijwe abatanze ibibazo** | | | | **Ijanisha** |
|---|---|---|---|---|---|
| | **Gabo** | **Gore** | **Abandi** | **Bose** | |
| Imanza zasabiwe gusubirwamo | 46 | 50 | 19 | 115 | 5,9% |
| Imanza zitagaragayemo akarengane | 1079 | 654 | 75 | 1808 | 94,1% |
| **Igiteranyo** | 1125 | 704 | 94 | 1923 | 100% |

# 3. KURWANYA RUSWA

## ❖ Ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa

| N° | Urwego | Umubare wa raporo zatanzwe |
|---|---|---|
| 1. | Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa | 4 |
| 2. | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi | 4 |
| 3. | Inama Nkuru y'itangazamakuru | 3 |
| 4. | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo | 2 |
| 5. | Komisiyo y'Igihugu y'Itorero | 1 |
| 6. | Urugaga rw'Abikorera | 1 |
| 7. | Minisiteri y'Ubutabera | 1 |
| 8. | Minisiteri y'Uburezi ibinyujije mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi (REB) | 1 |
| 9. | Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta | 0 |

# 3. KURWANYA RUSWA (cont..)

## ❖ Guhuza ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n' Akarengane

Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu yateranye buri gihembwe, yibanda ku ngingo zikurikira:

- Icyegeranyo "East African Bribery Index 2017";
- Ibyakorwa mu gukaza ingamba zo kurwanya akarengane;
- Amabwiriza ya RDB avuguruye agenga cyamunara y'ingwate;
- Amabwiriza mashya ku mitangire y'amasoko;
- Imirongo ngenderwaho ku nyigo ziteganywa gukorwa n'Urwego rw'Umuvunyi kuri ruswa no ku ruhare rw'imenyekanishamutungo mu gukumira no kurwanya ruswa.

## 3. KURWANYA RUSWA (cont..)

- **Gukora iperereza ku makuru ya ruswa**

- Iperereza ryakozwe ku madosiye 53:

- Amadosiye 23 yaburiwe ibimenyetso;
- Amadosiye 10 yashyikirijwe Polisi y'Igihugu arebana n'ibyaha bitari mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi;
- Amadosiye 13 yashyikirijwe Ubushinjacyaha;
- Amadosiye 7 aracyakorerwa iperereza.

# 3. KURWANYA RUSWA (cont..)

## ❖ Uko ruswa ihagaze mu Rwanda

| Raporo | Ibyagaragaye |
|---|---|
| *Transparency International/ Corruption Perception Index 2017* | U Rwanda rwavuye ku mwanya wa 4 n'amanota 54 muri 2016, rujya ku mwanya wa 3 n'amanota 55 muri 2017 ku rwego rw'Afurika. U Rwanda ni urwa 48 ku rwego rw'isi n'urwa mbere ku rwego rw'Afurika y'Iburasirazuba |
| WEF/*The Global Competitiveness report* 2017-2018 | U Rwanda rwaje ku mwanya wa 58 muri 2017 (4.35/7) ruvuye ku mwanya wa 52 muri 2016 (4.41/7). Ku bijyanye na ruswa no kwishyura ibitagombaga kwishyurwa u Rwanda ruza ku mwanya wa 21 n'amanota 5,7/7. |
| *Mo Ibrahim 2017* | U Rwanda ni urwa mbere muri Afurika mu gukorera mu mucyo (transparency and accountability) n'amanota 66.9% muri 2018, umwanya rwari rufite muri 2017 n'amanota 72.1%. |

## 3. KURWANYA RUSWA (cont..)

- **Gukurikirana ibyaha mu Nkiko**

Mu gushyira mu bikorwa inshingano y'Ubushinjacyaha:

- Hashinjwe amadosiye 7 ku rwego rwa mbere no ku rwego rw'ubujurire;
- Hakurikiranwa imiburanishirize y'amadosiye 7 Urwego rwashyikirije Ubushinjacyaha Bukuru. Muri ayo madosiye, harimo abagizwe abere, abandi bakatirwa n'Inkiko.

## 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA

### 1. Isuzumamikorere:

- **Umushinga wo kubaka Umudugudu w'Icyitegererezo (IDP Model Village) mu Karere ka Karongi:**

Ibyagaragaye:

- **Kurigisa cyangwa konona umutungo**: Amafaranga yageze kuri konti kuva mu mwaka wa 2011 kugeza 2014 yari ateganyirijwe umushinga ni 575.953.326 Frw, biteganyijwe ko uzarangira hubatswe amazu 384. Amafaranga agaragara ko yakoreshejwe ni 367.177.712 Frw, angana na 63,75% y'amafaranga yageze kuri konti, yubatse amazu 107 gusa (ni ukuvuga 27,8%) na yo atameze neza. Bivuze ko amafaranga yaburiwe ibisobanuro ari 208.775.614 Frw. Amwe mu mazu yubatswe agaragara ku mafoto akurikira:

# 4.GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont..)

- **IDP Model Village mu Karere ka Karongi:**



# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont.)

❖ **IDP Model Village mu Karere ka Karongi:**

- **Kuba nta nyigo y'umushinga yakozwe (Project proposal and Feasibility study);**
- **Abaturage basabwe kwiyubakira kandi baragombaga kubakirwa n'Akarere;**
- **Kwishyura amafaranga arenze agomba kwishyurwa**: Ubuyobozi bw'Intara y'Iburengerazuba bwishyuye 21.504.000 Frw kuri konti ya EWSA nº123.00.70 iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda y'ifatabuguzi ry'amashanyarazi ku miryango (ingo) 384. Buri rugo rukaba rwarabariwe 56.000 Frw kandi icyo gihe hari hamaze kubakwa inzu cumi n'imwe (11) gusa.

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont.)

- **Ikigega Gitera Inkunga imishinga yerekeye Kohereza ibicuruzwa mu mahanga (EGF) gikora nabi:**
- Kutamenyekanisha ibikorwa, ibi bigatuma abagenerwabikorwa bakigana ari bake: kuva mu mwaka wa 2015 kugeza Kamena 2017 imishinga ine niyo yari imaze guhabwa inguzanyo naho 6 niyo yari imaze guterwa inkunga;
- Gutinda gutanga igisubizo kuri dosiye zisaba inguzanyo/ inkunga;
- Kuba hari bamwe bahabwa inguzanyo umushinga wizwe nabi bigatuma kwishyura inguzanyo bigorana, urugero ni Company Hills of Rwanda yakoze umushinga wo kohereza ikawa hanze ihabwa inguzanyo ya 113.000.000 Frw ariko umushinga urahomba
- Gutanga inguzanyo ku Bigo by'Ubucuruzi, umusaruro utarashakiwe isoko. Urugero ni Pasta Rwanda yahawe inguzanyo ya 394.000.000 Frw yo gukora amakaroni yo kugurisha hanze birangira bagurisha mu Rwanda kuko nta soko yabonye hanze.

## 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont..)

### ❖ Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA):

Kuva mu mwaka wa 2013 kugera 2017, FONERWA yahawe ingengo y'imari ya 29.199.514.957. Imaze gutera inkunga imishinga 32 yatwaye 24.616.437.540 Frw.

Ibyagaragaye:

- FONERWA ntizwi ku buryo bugaragara bitewe n'uko nta buryo buhagije bwashyizweho bwo kuyimenyekanisha.
- Kudakora isuzuma ry'ibanze ku mishinga isabirwa guterwa inkunga
- Ikurikiranabikorwa ridakorwa neza ku imishinga iba yatewe inkunga.

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont..)

- **Umushinga wo Kuhira imyaka mu Uturere twa Nyagatare na Kirehe *(Immediate Action Irrigation):***

Ucungwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB). Mu mwaka wa 2015-2016, umushinga wakoresheje ingengo y'imari ya 7.398.137.463 Frw, mu mwaka wa 2016-2017 ukoresha 6.913.387.113Frw.

Mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga hari imbogamizi zishobora gutuma utagera ku ntego zawo:

- Ubuke bw'ibikoresho byo kuhira kandi bikenewe cyane
- Nta buryo buriho bufasha abuhira gukusanya umusaruro no kuwugeza ku isoko ( umuceri, ibigori n'imboga )

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont..)

## ❖ Umushinga wa "Rural Water Supply and Sanitation"

Hasuzumwe Imishinga ibiri ariyo Umushinga wo kugeza amazi ku baturage mu duce twa Giheke-Kamembe-Nkanka mu Turere twa Rusizi na Nyamaseke n'Umushinga wo kugeza amazi meza muri Runda mu Karere ka Kamonyi.

Ibyagaragaye:

- Iteganyabikorwa ridakorwa neza mbere yuko umushinga utangira bigatuma hari ibigaragara ko bikenewe nyuna bityo hakabahaho gukererwa;
- Imicungire y'inyandiko z'icungamutungo itanoze, aho amafaranga angana na 3,487,025,754 Frw ( Mu Turere twa Rusizi na Nyamasheke); na 492,449,933 Frw ( Mu Karere ka Kamonyi ) atabonewe inyandiko zisobanura isohoka ryayo;
- Gutinda kugeza ku baturage inyemezabuguzi z'amazi;
- Kudakurikirana imikoreshereze y'ibikoresho bifasha mu kugeza amazi ku baturage no kutabyitaho uko bikwiye. Urugero ni mu Murenge wa Giheke/Rusizi aho umuturage yahawe akazu k'amazi kadakingwa amazi bakajya bayavoma batamwishyuye.

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont.)

## ❖ Amakipe y'Umupira w'Amaguru

Hasuzumwe Amakipe ya Mukura Victory Sport iterwa inkunga n'Akarere ka Huye, Sunrise FC Iterwa inkunga n'Akarere ka Nyagatare, AS Kigali y'Abagabo na AS Kigali y'Abagore ziterwa inkunga n'Umujyi wa Kigali..

Ibibazo byagaragaye:

- Kutagira amategeko Ngengamikorere (Ikipe ya Sunrise FC);
- Kuba nta bitabo by'ibaruramari byandikwamo imisanzu itangwa n'Abanyamuryango (Mukura Victory Sport) ;
- Nta bugenzuzi bukorerwa Amakipe bwaba ubw'imbere cyangwa ubuturutse hanze, cyane cyane ubw'Inzego zitera inkunga ayo Makipe;
- Abakinnyi bashakwa hatagendewe ku Ngengo y'Imari, bigatuma hari igihe abakinnyi badahemberwa ku gihe;
- Umutungo ukoreshwa mu buryo butanyuze mu mucyo, amafaranga agasohoka nta nyandiko zibisobanura.

# GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont.)

## ❖ Ishuri Ryisumbuye rya Kigali (*Lycée de Kigali)*

Isuzuma ryibanze ku micungire y'umutungo rigaragaza ibikurikira:

- Buri mubyeyi atanga 12 000 Frw ku gihembwe ku mwana agenewe kubaka uruzitiro, bikaba byaratangiye mu gihembwe cya mbere 2017. Kugeza Nyakanga 2018, Amafaranga yari amaze gutangwa n'ababyeyi yo kubaka uruzitiro yari 36.266.780 Frw (uruzitiro ruracyubakwa).
- Ayari amaze gusohoka muri Nyakanga 2018 ni 34.788.000 Frw muri yo angana na 22.338.000 Frw nta mpapuro zisobanura uburyo yakoreshejwe zihari;
- Ukugongana kw'inyungu: Umukozi w'Ikigo witwa KAYIJAMAHE Charles ushinzwe gusana ibyangirirtse nk'intebe , ameza,…. niwe wakoze Devis yo kubaka uruzitiro aruha 140.738.300 Frw mu gihe rwiyemezamirimo yari yatanze Devis ya 98.372.000 Frw. Ikigo cyafashe umwanzuro wo kwiyubakira uruzitiro, uriya mukozi ahabwa inshingano zo gushaka ibikoresho, gushaka abubaka, kubahemba no gukurikirana imirimo nyamara ntaho atanga raporo. **Ibibazo byagaragaye nk'ibyuho bya ruswa biri gukorwaho iperereza ryimbitse.**

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont.)

## ❖ Sosiyeti Nyarwanda ishinzwe ibyerekeye Icapiro (Rwanda Printery Company/RPC)

RPC ifite inshingano yo gucapa inyandiko zigenewe Inzego za Leta.

Bimwe mu bibazo byagaragajwe n'isuzumamikorere ni ibikurikira:

- RPC nta mategeko ngengamikorere ifite, bikaba bibangamira imicungire inoze;
- Inama y'Ubuyobozi ntikurikirana bikwiye imiyoborere y'Ikigo. Kuva yajyaho mu kwezi kwa 2/2016 kugeza mu kwezi kwa 9/2017 yari imaze guterana inshuro 3 gusa.
- Ikigo ntigifite abakozi b'inzobere ku buryo bigira ingaruka ku bwiza bw'ibyo gikora ndetse nta n'Umunyamategeko kigira wajya atanga inama;
- Ikigo ntigikoresha ubushobozi bwose cyifitemo kuko ibikoresho byinshi gicapa ni ibirebana n'impapuro zikoreshwa mu matora no mu bizamini by'abanyeshuri; ikindi gihe nta bintu byinshi kiba gifite byo gucapa.

**Ibibazo byagaragaye, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama.**

# 4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA (cont..)

**2. Iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'Abayobozi bo mu Nzego za Leta n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru**

- Hakurikiranywe amadosiye arindwi (7) arebana n'imyitwarire y'Abayobozi : muri yo amadosiye abiri (2) yaburiwe ibimenyetso, dosiye imwe (1) ishyikirizwa ubushinjacyaha (uwahoze ari E.S.Nyamagabe TWAYITURIKI Emmanuel), andi madosiye ane (4) Abayobozi bagiriwe inama;
- Hakurikiranywe dosiye y'Umuyobozi Wungirije w'Akarere wavugwagaho kwanga gutanga amakuru, agirwa inama.
- Abayobozi cumi na babiri (12) bakodesheje imodoka mu masosiyete yatsindiye amasoko ya Leta kandi zikiri mu masezerano na Leta

# 5. KWAKIRA NO KUGENZURA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO

- Abantu 11.251 kuri 11.255 bakoze imenyekanisha-mutungo (99,9%);
- Imitwe ya politiki uko ari 11 yakoze imenyekanishamutungo.
  - Imitwe ya Politiki ya FPR Inkotanyi, PSP, PL, PPC na PSR yagaragayemo amakosa yo kongera cyangwa kugabanya amafaranga yakoreshejwe (overstatement or understatement) no kutagaragaza neza ibisobanuro by'imikoreshereze y'umutungo (unsupported expenses);
  - PSP ntabwo yagaragaje neza aho imibare yakoresheje muri raporo z'ibaruramutungo yavuye (lack of General Ledger);
  - PSR raporo z'ibaruramari zayo zakozwe mu ishusho itari yo (unproper format);
  - Iyo mitwe ya Politiki yose yemeye gukosora amakosa.

# 5. KWAKIRA NO KUGENZURA INYANDIKO Z'IMENYEKANISHAMUTUNGO (cont.)

- ✓ Hakozwe igenzura ku mitungo y'abantu 1.655 .
- ✓ Abantu 9 batashoboye gusobanura inkomoko y'umutungo wabo bakorewe iperereza. Iki gikorwa kiracyakomeza
- ✓ Urwego rw'Umuvunyi rwasabiye igihano cyo gukatwa ¼ cy'umushahara wabo w'ukwezi kumwe abantu 53 batakoze imenyekanishamutungo wabo ry'umwaka wa 2016-2017. Barahanwe kandi bakora imenyekanishamutungo wabo.

# 6. GUHUZA IBIKORWA BY'URWEGO

- Mu mwaka wa 2017-2018, Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe ingengo y'imari ingana na 1.799.446.843 Frw, rukoresha amafaranga 1.763.199.505 Frw angana na 98%. Amafaranga atarakoreshejwe 36.247.338Frw Frw angana na 2%
- Amafaranga yasigaye adakoreshejwe amenshi yari agenewe imishahara n'ubwishingizi by'abakozi 5 bavuye mu kazi.

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO

## Umutwe wa Sena

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Gukora ubushakashatsi bugaragaza ibyuho bya ruswa n'ibikwiye kwibandwaho mu igenamigambi ry'ibikorwa byo kurandura ruswa | Hakozwe ingingo ngenderwaho (Terms of Reference) zizakoreshwa mu itangwa ry'isoko ry'ubushakashatsi buzagaragaza ibyuho bya ruswa ndetse bukazatanga umurongo w'ibigomba kwibandwaho mu kuyikumira no kuyirwanya |
| Kunoza imikorere y'Inama Ngishwanama zo Kurwanya Ruswa n'Akarengane no kubaka imikoranire n'Inzego zose zihurira mu kurwanya ruswa n'akarengane | Imikorere y'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu yaranogejwe, buri gihembwe haba inama. Mu mwaka wa 2017-2018 habaye inama 4. Muri izi nama Inzego zunguranye ibitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa n'akarengane, zinoza imikoranire yazo, zinaganira ku bibazo zihura nabyo mu mikorere yazo zifatanyiriza hamwe kureba uko byakemurwa. |

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO (cont..)
## Umutwe wa Sena

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Gukora iteganyabikorwa ry'igihe giciriritse (Medium Term Expenditure Framework) rigaragaza ingamba zo gukuraho imbogamizi muri gahunda zo kurwanya ruswa n'akarengane ziba zagaragaye muri raporo | Urwego rw'Umuvunyi rwateguye inyandiko ngenderwaho y'iteganyabikorwa (Terms of Reference of Strategic Plan) rizagaragaza ingamba zo kurwanya ruswa hibandwa cyane cyane ahari imbogamizi mu kuyikumira, kandi hashyirwa imbaraga mu mikoranire n'izindi Nzego zifatanya n'Urwego rw'Umuvunyi mu rugamba rwo kurandura ruswa. |

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO (cont..)

## Umutwe w'Abadepite

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Gushyiraho uburyo bwo gusuzuma ishingiro ry'ibibazo mbere y'uko bishyirwa ku rutonde rw'ibibazo bigomba gusuzumwa kuko byagaragaye ko hari ibibazo bisuzumwa bagasanga nta shingiro bifite, ibyo bigatuma bata igihe kitari ngombwa bikadindiza akandi kazi. | Hashyizweho umukozi wakira abagana Urwego rw'Umuvunyi (Front Officer) akaba ashinzwe gusuzuma ishingiro ry'ibibazo by'abaturage, ibyo asanze bifite ishingiro akabyinjiza muri "System" y'Urwego rw'Umuvunyi, ibyo asanze bitari mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi akabagira inama y'urundi Rwego bakwiye kwiyambaza. |
| Gushinja ibyaha bijyanye na ruswa biri mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi aho kubyohereza mu zindi Nzego kandi narwo rubifitiye ububasha | Urwego rw'Umuvunyi rukora iperereza ku byaha bijyanye na ruswa, rukanabishinja; ibyo rwohereza ahandi ni ibireba izindi Nzego, ariko ruba rwatangije. |

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO (cont..)

## Umutwe w'Abadepite

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Gushyira imbaraga mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane uhereye ku Kagari no mu zindi Nzego nk'uko biteganywa mu Iteka rya Perezida No 64/01 ryo ku wa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane, kandi raporo zakozwe zigashyikirizwa Inzego bireba. | ➢ Inama Ngishwanama zo Kurwanya Ruswa n' Akarengane ku rwego rw' Akarere zirandikirwa zibutswa gutanga raporo ku mikorere yazo no kugaragaza imikorerere y'izo nama ku rwego rw' Umurenge n' Akagari;<br>➢ Buri mwaka hakorwa isuzumami-korere ry'Inama Ngishwanama zo Kurwanya Ruswa n' Akarengane ku rwego rw'Uturere, 3 zahize izindi zigahembwa ku munsi wo gusoza Icyumweru cyo Kurwanya Ruswa;<br>➢ Muri Mutarama 2018, hahuguwe abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Umurenge mu Turere 10. |

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO (cont..)
## Umutwe w'Abadepite

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
| --- | --- |
| Gukora ubushakashatsi bwimbitse hagamijwe kumenya uko ruswa ihagaze mu Gihugu n'ibipimo iriho, uko yagiye igabanuka cyangwa yiyongera mu myaka itanu (5) ishize ndetse n'uruhare amahugurwa atangwa ku nzego zitandukanye yagize | ➢ Inyandiko ngenderwaho (Terms of Reference) zitegura itangwa ry'amasoko y'ubushakashatsi hagamijwe kumenya uko ruswa ihagaze mu Nzego z'imirimo ivugwamo, akamaro k'imenyekanishamutungo ndetse n'akamaro k'amahugurwa mu kurwanya ruswa no kwimakaza umuco w'ubwangamugayo zarateguwe |

# 7. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO (cont.)
## Umutwe w'Abadepite

| UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Gufata ingamba zo gukumira isezera rya hato na hato ry'abakozi ridindiza imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi | ➢ Urwego rw'Umuvunyi rwanogeje gahunda y'imirimo y'Abakozi kandi rwateguye imbonerahamwe nshya y'imyanya y'imirimo (Structure) hongerwa umubare w'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi kubera inshingano nyinshi rufite. |
| Gukora isesengura harebwa uburyo Ubushinjacyaha bw'Urwego rw'Umuvunyi bwiga dosiye n'uburyo buzishinja ndetse no gusubirishamo imanza bigaragara ko zabayemo ruswa | Hashyizweho itsinda rigizwe na bamwe mu Bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi na bamwe mu Bayobozi b'Urwego rw'Igihugu rw'Ubushinjacyaha (NPPA), rishinzwe kureba imikoranire no kwiga ku manza zo gusubirishamo zigaragaramo ruswa n'akarengane zigomba gusabirwa gusubirwamo. |

# II. GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA WA 2018-2019

# 1.UBUKANGURAMBAGA

a. Gutanga ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane hifashishijwe ibitangazamakuru, ibyapa n'ibiganiro mbwirwaruhame;
b. Guhugura abantu 1.100 bari mu byiciro bitandukanye (Abagize Inama Ngishwanama yo Kurwanya ruswa n'akarengane yo ku rwego rw'Umurenge mu Turere 10, abagize anti-corruption clubs 6)
c. Gutegura icyumweru cyagenewe kurwanya ruswa mu kwezi k'Ukuboza 2018;
d. Gukurikirana no guhuza ibikorwa by'amashyirahamwe 5 yo kurwanya ruswa (Anti- Corruption Clubs);

## 2. KWAKIRA, GUSESENGURA NO GUKURIKIRANA IBIBAZO BY’AKARENGANE

a. Kwakira no gusesengura ibibazo by’akarengane: 80% y’ibibazo bizasesengurwa;

b. Kwakira no gukemura ibibazo by’akarengane mu Nteko y’Abaturage mu Turere dutanu (5): Huye, Karongi, Gakenke, Rwamagana, Kicukiro;

c. Kurangiza imanza: 90% y’ibibazo birebana n’imanza zisabirwa kurangizwa bizasesengurwa;

d. Gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z’akarengane :90% by’ibibazo byakiriwe bizasesengurwa.

# 3. *GUKURIKIRANA* RUSWA

a. Gukora iperereza ku makuru ya ruswa, no gushyikiriza amadosiye inzego zibifitiye ububasha: 85% y'amadosiye avugwamo ruswa azakorwaho iperereza;

b. Gushinja ibyaha bya ruswa: 99% by'amadosiye yagejejwe ku Bashinjacyaha bizakurikiranwa;

c. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Inama Ngishwanama yo Kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu no mu Nzego z'Ibanze;

# 4. GUKURIKIRANA AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA

a. Gusuzuma imikorere y'Inzego za Leta n'Izigenga: hazasuzumwa imikorere y'Inzego esheshatu (6) :SPIU/MINICOM, Imicungire ya District Guest Houses, Imicungire y'amasezerano ya Companies zikodesha Inzego za Leta imodoka, Urugaga rw'Abaganga, MINISANTE/ Imicungire ya za Centres de Santé, Akarere ka Nyabihu ;
b. Kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame agenga imyitwarire y'Abayobozi n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru;
c. Gukora iperereza ku iyubahirizwa ry'ayo mategeko, 90% by'amakuru yakiriwe azakorerwa iperereza;

# 5. KWAKIRA NO KUGENZURA IMENYEKANISHAMUTUNGO

a. Kwakira no kugenzura inyandiko z'imenyekanishamutungo z'Abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko: hazakirwa iminyekanishamutungo ry'abo bireba ku kigero cya 99.5%; hazagenzurwa abantu 1500.

b. Kwakira ibitabo by'imitungo y'Imitwe ya Politiki no kugenzura uko yabonetse n'uko yakoreshejwe

c. Gukora iperereza ku bakekwaho ibyaha byo kwigwizaho umutungo: 85% by'amakuru yabonetse azakorwaho iperereza.

# 6. GUHUZA IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

a. Kugura ibintu na serivisi no gusana ibikoresho byangiritse;
b. Kurushaho gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo y'Urwego rw'Umuvunyi;
c. Gutegura no gutanga imishahara y'abakozi;
d. Gutanga ibitekerezo ku ivugururwa rya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya ruswa n'Itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi;
e. Gutegura Inyigo kuri ruswa n'Inyigo ku Imenyekanishamutungo;
f. Guhuza sisitemu zikoreshwa n'Urwego rw'Umuvunyi n'izikoreshwa n'izindi Nzego
g. Ingengo y'imari izakoreshwa mu bikorwa byose Urwego rw'Umuvunyi ruzakora ni 1.715.377.481Frw.
h. European Union yemereye Urwego rw'Umuvunyi inkunga ya 3.284.779.000 RWF mu gihe cy'imyaka ine (2018-2022)

# UMWANZURO

- Urwego rw'Umuvunyi rurashimira Inzego zinyuranye zarufashije ndetse n'abaturage barufashije gushyira mu bikorwa inshingano rwahawe yo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane mu mwaka wa 2017-2018.

- Rwiyemeje gushyira mu bikorwa gahunda ya 2018-2019 rushingiye ku mategeko no ku mpanuro ruhabwa n'Inzego zashyikirijwe iyi raporo.

# MURAKOZE